## REPUBULIKA Y'U RWANDA

**URUKIKO RW'IKIRENGA**
**B.P.2197 KIGALI**

### ITANGAZO RYO KUMENYESHA

Ubuyobozi bw'Urukiko rw'Ikirenga buramenyesha abantu bose ko kuva ku itariki ya **1 Mutarama 2016** uburyo busanzwe bukoreshwa mu gutanga ikirego hifashishijwe ikoranabuhanga **(Electronic Filing System :EFS)** buzasimbuzwa uburyo bushya bwo gutanga ibirego bwitwa **IECMS (Integrated Electronic Case Managment System).**

Utanga ikirego akoresheje ubu buryo aca ku murongo wa interineti wihariye witwa : iecms.gov.rw.

Muri iki cyiciro cya mbere, ibi birareba inkiko zo mu Mujyi wa Kigali gusa (kuva ku Nkiko z'Ibanze uretse **Urukiko rw'Ibanze rwa NYARUGUNGA** kugeza mu Rukiko rw'Ikirenga), Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi hamwe n'inkiko z'ubucuruzi zose.

Abatanga ibirego mu zindi nkiko bo, bazakomeza kubitanga bifashishije uburyo busanzwe bwa EFS kugeza igihe bazamenyesherezwa ko bihindutse.

**ICYITONDERWA :**

Umuburanyi uzagira ingorane zo gutanga ikirego yifashishije uburyo bushya bwa IECMS mu nkiko zavuzwe, ashobora kuzajya ku rukiko yifuza gutangamo ikirego kugira ngo abanditsi barwo bamufashe kugitanga. Ashobora kandi gusaba ubufasha yifashishije numero ya telefone itishyurwa **3670 cyangwa kuri e-mail : niceson.karungi@judiciary.gov.rw**

*Bikorewe i Kigali, ku wa 30 Ukuboza 2015*

**Prof. Sam Rugege**
**Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga**
**akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza**